



### ABAGIZE KOMITE ZISHINZWE IGENZURA RY'UMUTUNGO MU MITWE YA POLITIKI BAHUGUWE KU MATEGEKO N'AMAHAME BI- GENGA IMICUNGIRE Y'UMUTUN- GO W'UMUTWE WA POLITIKI

Ku bufatanye bw'Ihuriro ry'Ighugu Nyungurabitekereo ry'Imitwe ya Politiki, Urwego rw'Umuvunyi, n'Urwego rw'Ighugu rw'Imiyoborere(RGB), hategewe amahugurwa y'abagize Urwego rushinzwe kugenzura umutungo mu Mutwe wa Politiki.



Ayo mahugurwa yabaye tariki ya 06 Ukuboza 2024, yitabirwa n'abantu 65 barimo abagize Urwego rushinzwe igenzura ry'Umutfungo mu Mutwe wa Politiki, Umuyobozi ushinzwe Umutungo mu Mutwe wa Politiki ku rwego rw'Ighugu, n'umukozi uhoraho mu Mutwe wa Politiki, yitabiriwe kandi n'uhabarariye SENA. Aya mahugurwa yabereye muri Hotel Olympic, iri mu Murenge wa Kimironko mu Karere ka Gasabo.

Aya mahugurwa yatangijwe n'Umuvugizi w'Ihu-



riro, Hon. NKUBANA Alphonse, wibukije abayatabiriye ko Urwego rushinzwe igenzura ry'Umutfungo mu Mutwe wa Politiki rutegeanywa n'ingingo ya 14 (igika cya 4) y'Itegeko Ngenga n° 10/2013 OL ryo ku wa 11/7/2013 rigeng Imitwe ya Politiki n'Abanyapolitiki, nk'uko ryahinduwe kugeza ubu. Akaba ari urwego rufite inshingano zikomeye mu Mutwe wa Politiki. Yavuze ko mu kunoza imicungire y'imari n'Umutfungo by'Umutfungo wa Politiki, Imitwe ya Politiki igirwa inama ko abagize inzego zishinzwe gucunga uwo mutungo, batagomba kuba mu bagize Urwego rushinzwe igenzura ry'Umutfungo mu Mutwe wa Politiki (Separation of duties).

Yibukije ko imicungire inoze y'Umutfungo w'Umutfungo wa Politiki ishimangira amahame ya demokarasi yo gukorera mu mucyo (Transparency) no kubazwa inshingano (Accountability). Imitwe ya Politiki ikaba ikwiye kuba intangarugero mu hubahiriza aya mahame.

Yagaragaje ko amategeko agenga Imitwe ya Politiki n'abanyapolitiki abasaba kwitwararika ku birebana n'imecungire n'imikoreshereze y'imari n'Umutfungo by'Umutfungo wa Politiki kuko ari umutungo w'abaturage.

Akaba ari yo mpamvu kunyuranya n'aya amategeko, bigira ingaruka zikomeye ku Mutwe wa

Politiki no ku muntu ku giti eye mu gihe bigaragaye ko yawukoresheje cyangwa yawucunze nabi.

Yashishikarije Imitwe ya Politiki iri mu Ihuriro gukomeza kurangwa n'imecungire myiza y'Umutfungo n'imari byayo, ku buryo mu igenzura rikorwa n'Urwego rw'Umuvunyi rizajya rigaragaza '**raporo nta makemwa / clean audit report**' ku micungire y'Umutfungo mu Mitwe ya Politiki.

Muri aya mahugurwa hatanzwe ibiganiro bitatu bikurikira: (1) Amahame n'amategeko bigenga imicungire y'imari n'Umutfungo by'Umutfungo wa Politiki, n'ishusho y'imitangire ya raporo z'imecungire y'Umutfungo w'Imitwe ya Politiki mu mwaka wa 2023 – 2024; (2) Inshingano n'imikorere by'Urwego rushinzwe igenzura ry'Umutfungo mu Mutwe wa Politiki; (3) Ingamba zifasha Imitwe ya Politiki gukomeza kunoza imicungire y'imari n'Umutfungo by'Umutfungo wa Politiki mu rwego rwo gukorera mu mucyo.

Mu kiganiro cy'Urwego rw'Umuvunyi, hagaragajwe ko Imitwe ya Politiki yemewe mu Rwanda iri mu bagomba kumenyekanisha umutungo ku Rwego rw'Umuvunyi nk'uko biteganywa n'ingingo ya 3 y'Itegeko n° 55/2021 ryo kuwa 29/8/2021 rigengen yimenyekanishamutungo. Urwego rw'Umuvunyi rwagaragaje ko mu mahame agenga imicungire y'imari n'Umutfungo by'Umutfungo wa Politiki, harimo:

1.Kwandika umutungo n'imari by'Umutfungo wa Politiki mu bitabo by'ibaruramari;

2.Kugaragaza mu nyandiko inkomoko y'Umutfungo n'imari by'Umutfungo wa Politiki;

3.Kwirinda gucunga umutungo n'imari by'Umutfungo wa Politiki nk'iby'umuntu ku giti eye;

4.Kwirinda ko abashinzwe gucunga umutungo n'imari mu Mutwe wa Politiki baba mu bagize Urwego rushinzwe igenzura ry'Umutfungo mu Mutwe wa Politiki.

**Ku birebana n'ishusho y'imitangire ya raporo z'imecungire y'Umutfungo n'imari by'Umutfungo wa Politiki mu mwaka wa 2023-2024**, Urwego rw'Umuvunyi rwagaragaje ko igenzura ry'ibitabo by'ibaruramari mu Mitwe ya Politiki 11 yemewe mu Rwanda ryagaragaje ko umutungo wabonetse ndetse ukoreshwa nk'uko biteganywa n'amategeko.

Igenzura ry'Urwego rw'Umuvunyi ryagaragaje ko Imitwe ya Politiki yose yashyizaho Urwego rushinzwe igenzura ry'Umutfungo n'imari mu Mutwe wa Politiki.

**Ku birebana n'ikiganiro ku inshingano z'Urwego rushinzwe igenzura ry'Umutfungo mu Mutwe wa Politiki n'imikorere yarwo**, hasobanuwe ko urwo rwego rufite inshingano zikurikira:

a.Kugenzura ko Imitwe ya Politiki ifite kandi ikora neza ibitabo by'ibaruramari bigaragaza uko

ibyinjira n'ibisohoka bingana, ukanakora ibarura ry'imitungo yimukanwa n'itumukanwa;

b.Kugenzura inkomoko y'Umutfungo n'imari by'Umutfungo wa Politiki;

c.Kugenzura imikoreshereze y'Umutfungo n'imari by'Umutfungo wa Politiki;

d.Kugira inama Inzego z'Umutfungo wa Politiki mu buryo bw'imikoreshereze myiza y'Umutfungo n'imari by'Umutfungo wa Politiki;

e.Gukurikirana ko inama zatanzwe n'Urwego rushinzwe igenzura zashyzizwe mu bikorwa mu gihe cyateganyijwe;

f.Kugenzura ko umutungo n'imari by'Umutfungo wa Politiki ucunzwe neza.

**Mu kiganiro cyatanzwe n'Urwego rw'Ighugu rw'Imiyoborere (RGB)**, hagaragajwe zimwe mu ngamba zafasha Umutwe wa Politiki gukomeza kunoza imicungire y'imari n'Umutfungo byawo mu rwego rwo gukorera mu mucyo, zirimo izi zikurikira:

Buri Mutwe wa Politiki ukwiye gukora igenamigambi rinoze;

Buri Mutwe wa politiki ukwiye kugira imihigo y'ibikorwa, hakurikijwe ubushobozi bwavo, kuko bituma ukorera ku ntego;

Gushyira mu mategeko ngengamikorere yavo ingingo zirebana n'imecungire inozeye y'Umutfungo w'Umutfungo wa Politiki;

Kugira Igitabo cy'uburyo bw'icungamunguto n'Imiyoborere (Manuel de procedures administratives et financieres);

Kongera ubumenyi bw'abashinzwe imicungire y'imari n'Umutfungo mu Mutwe wa Politiki ku birebana n'ibaruramari, icungamutungo n'igenzura ry'Umutfungo;

Gukoresha ikoranabuhanga mu imicungire y'Umutfungo n'imari by'Umutfungo wa Politiki;

Kugira urwego rushinzwe gukemura amakimbirane mu Mutwe wa Politiki rukora uko bikwiye;

Gushyiraho mecanismes d'auto-evaluation mu Mutwe wa Politiki;

Kubahiriza uburyo bwo gushyiraho abayobozi mu Mutwe wa Politiki binyuze mu matora, hubahiriza amategeko.

Muri rusange amahugurwa yagenze neza; abaytabiriye bakaba baragaragaje ko amahugurwa n'ibiganiro nk'ibi bikwiye kubaho kenshi kugira ngo abashinzwe icungamutungo n'igenzura ryawo mu Mutwe wa Politiki babikore bubahiriza amategeko kandi baharanira ko Imitwe ya Politiki yabo yahora irangwa no kugira raporo nta makemwa no gukorera mu mucyo, kuko ari amwe mu mahame y'Imiyoborere myiza u Rwanda rugenderaho.

## URUBYIRUKO RWO MU MITWE YA POLITIKI IGIZE IHURIRO RWASOJE AMASOMO Y'ICYICIRO CYA 21

Muri gahunda yaryo yo kubaka ubushobozi bw'Imitwe ya Politiki n'abayoboke bayo, Ihuriro ry'Ighugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki ryateguye amahugurwa abahawa urubyiruko rwo mu Mitwe ya Politiki (Youth Political Leadership Academy / YPLA).

Amasomo y'icyiciro cya 21 cy'abiga muri iri shuri yahawe urubyiruko rwo mu Mujyi wa Kigali; akaba yarabereye ku cyicaro cy'Ihuriro ku Kacyiru, mu Karere ka Gasabo. Yitabiriwe n'abantu 44 baturuka mu Mitwe ya Politiki 11 igize Ihuriro, buri Mutwe wa Politiki ukaba wari uhagarariwe n'abantu bane (4), abasore babiri n'abakobwa babiri.



Amasomo yatangiye tariki ya 21 Mutarama 2025, atangizwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro, Bwana GISAGARA Theoneste, wasabye uru rubyiruko kuzakurikirana amasomo yose uko ateganyijwe kandi bakazisanzura, no gusobanuza ibyo batazi.

Amasomo yigishwa muri iri shuri agamije (1) kubaka ubushobozi bw'urubyiruko rwo mu Mitwe ya Politiki no kurushishikariza kwitabira umwuga wa politiki kugira ngo ruzavemo abayobobi bashoboye; (2) gutegura urubyiruko kugira ngo rwitabire kujya mu myanya y'ubuyobozi mu Mitwe ya Politiki rubarizwamo no gufasha iyo Mitwe ya Politiki gutera imbere; no (3) gufasha urubyiruko rwo mu Mitwe ya Politiki kugira ubumenyi n'ubushobozi burufasha kugira uruhare rugaragara mu miyoborere myiza n'iterambere by'Ighugu.

Uru rubyiruko rwize amasomo yose hamwe 15 ruhabwa n'ibiganiro 5 byibanze kuri politiki na gahunda z'Ighugu. Amasomo rwize ni arebana n'ubumenyi rusange muri politiki, aho rwasobanuriwe icyo politiki ari cyo, idewoloi politiki, akamaro n'inshingano z'umutwe wa politiki muri demokarasi. Rwasobanuriwe kandi amategeko n'amahame bigenga imikorere y'Imitwe ya Politiki mu Rwanda n'uruhare rw'Ihuriro mu guteza imbere demokarasi y'ubwumvikane u Rwanda rugenderaho.

Bahwe isomo ku mateka ya politiki y'u Rwanda, aho bagaragarijwe uburyo bw'imiyoborere u

Rwanda rwagiye rugira, haba mbere y'ubukoloni, mu gihe cy'ubukoloni, muri Republikya ya mbere n'iya Kabiri, ndetse n'imiyoborere y'u Rwanda nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, n'uruhare rw'Imitwe ya Politiki n'abayobozi bayo muri ibyo bihe binyuranye.

Muri aya masomo kandi, urubyiruko rwo mu Mitwe ya politiki rwasobanuriwe uburyo bw'amatora bukoreshwa mu Rwanda n'icyo bumariye Ighugu. Bakaba barasobanuriwe ko amatora akorwa mu buryo binyuranye bitewe n'urwego rutorerwa, icyiciro cy'abatorwa n'umubare w'abagomba gutorwa. Bigishijwe ko imishyikirano ya politiki itegurwa n'uburyo ikorwa kugira ngo igere ku musaruro. Bahawe ubumenyi ku buryo bwo gukora ubukangurambaga muri politiki, uburyo bwo guseruka no guhigana muri politiki, n'andi.

Aba banyeshuri kandi bahawe ibiganiro kuri politiki na gahunsa z'Ighugu zikurikira: *Amahame remezo u Rwanda rugenderaho*, cyatanzwe na SENA y'u Rwanda; *Ndi Umunyarwanda*, cyatanzwe na MINUBUMWE; *Kwihangira umurimo no guteza imbere ibikorerwa mu Gihugu*, cyatanzwe na MINICOM; *Imiyoborere y'u Rwanda Twifuzu*, cyatanzwe na MINALOC, *Ingamba za Leta y'u Rwanda mu gukumira no kurwanya ibiyobyabwenge cyane cyane mu rubyiruko*, cyatanzwe na RBC. Uretse aya amasomo n'ibiganiro, uru rubyiruko rwanasuye Ingoro y'Amateka y'urugamba rwo guharika jenoside; rusura kandi Urwibutso rwa Jenoside rwa Rebero, ahashynguye bamwe mu banyapolitiki bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.



Nyuma yo kwiga ayo masomo anyuranye no guhabwa ibiganiro kuri Politiki na gahunda z'Ighugu, abanyeshuri 42 kuri 44, bangana na 97%, nibo bujuje ibisabwa bibemerera guhabwa Icyemezo cy'amahugurwa.

Umuhambo wo gusoza amahugurwa y'icyiciro cya 21 cy'amasomo atangirwa mu ishuri ry'Ihuriro ryigisha Politiki n'imiyoborere wabaye tariki ya 08 Werurwe 2025, muri Hotel Lemigo ku Kimuhura, ukuba warayobowe na Hon. NKUBANA Alphonse, Umuvugizi w'Ihuriro.



Muri uwo muhango, yaba Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro, Bwana GISAGARA Theoneste, yaba Dr Ndahiro Alfred, uhagarariye abalimu bigisha muri iri shuri, bose basabye uru rubyiruko gukomeza kwiga bagasoma kenshi, bakagira ubumenyi bwagutse, n'amakuru ahagije bakamenya ibibera ku isi, mu karere no mu Rwanda by'umwihariko.



Umuvugizi w'Ihuriro yashimiye Imitwe ya Politiki yohereje uru rubyiruko gukurikira amasomo y'icyiciro cya 21; ashima abalimu bose barwigishije n'Inzezo za Leta zatanze ibiganiro. Yasabye abasoje aya masomo kuzakomeza kuringwa n'indangagiciro ziranga umunyapolitiki wo mu Rwanda rwa none, zirimo kubahana, korerana, guharanira ubumwe bw'Abanyarwanda, gukunda u Rwanda n'Afurika, gukora politiki ishingiye ku bumenyi n'ubuhanga, no gukomeza guteza imbere demokarasi ishingiye ku bwumvikenye.

Yasabye uru rubyiruko gukomeza gushyigikira Ubuyobozi bw'Ighugu cyacu, buyobowe na Nyakubawa Kagame Paul, Perezida wa Republikya y'u Rwanda, kuko aharanira ineza y'abanyarwanda bose. Abasaba gufatanya kwamagana abashaka guhungabanya umutekano w'u Rwanda kuko nta cyiza bifuriza Abanyarwanda.

